

**UMURYANGO  
W'ABIBUMBYE**

---



Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga

MICT/15

9 Werurwe 2016

Umwimerere:  
Icyongereza

---

**AMABWIRIZA NGENGAMIKORERE KU ISHYIRWA MU BIKORWA  
RY'INGINGO YA 110(B) Y'AMATEGEKO AGENGA  
IMIBURANISHIRIZE N'ITANGWA RY'IBIMENYETSO**

(MICT/15)

## **IRIBURIRO**

**JYEWE**, Gerefiye w'Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga,

**NSHINGIYE** kuri Sitati ya MICT, nk'uko yemejwe n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi mu Cyemezo cya 1966 (2010) cyo ku itariki ya 22 Ukuboza 2010, by'umwihariko Ingingo ya 15 yayo;

**NSHINGIYE** ku Mategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso, nk'uko yemejwe hashingiwe ku Ngingo ya 13 ya Sitati ya MICT, by'umwihariko Ingingo ya 110 yayo;

**MAZE KUBONA** ko ari ngombwa kugena ishyirwamubikorwa ry'Ingingo ya 110(B) y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso;

**NSHINGIYE** ku Ngingo ya 31(C) y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso;

**MAZE KUGISHA INAMA** Perezida wa MICT;

**NSHYIZEHO** Amabwiriza Ngengamikorere ku ishyirwamubikorwa ry'Ingingo ya 110(B) y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso.

John Hocking  
Gerefiye

Bikozwe kuri iyi tariki ya 9 Werurwe 2016  
I La Haye,  
Ubuholandi.

## ***Intangiriro***

1. Ingingo ya 110 y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso y'Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga (hasi bizajya bitwa "Amategeko" na "MICT", uko bikurikirana) iteganya iyakirwa ry'ubuhamya bwanditse n'inyandikomvugo z'iburanisha mu kigwi cy'ubuhamya butangiwe mu Rukiko. Nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 110(B), inyandiko ikubiyemo ubuhamya itangwa iyo yometseho icyemezo cy'uwatanze ubwo buhamya ("Umutangabuhamya") gisobanura ko, akurikije ibyo azi n'ibyo yibuka, ibiyibikubiyemo ari ukuri gusa. Byongeye kandi, inyandiko y'icyo cyemezo ikorwa hari umuntu ufite ububasha bwo kwemeza agaciro gahabwa inyandiko nk'izo ndetse akagenzura amwe mu makuru ayikubiyemo hakurikijwe amategeko n'imihango bikoreshwa mu gihugu bibereyemo, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 110(B)(i)(a) cyangwa bigakorwa hari umukozi washyizweho na Gerefiye ngo yemeze agaciro k'ubwo buhamya, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 110(B)(i)(b) ("Kwemeza agaciro k'ubuhamya").
2. Aya Mabwiriza Ngengamikorere ateganya uko hashyirwaho umukozi wo kwemeza agaciro k'ubwo buhamya, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 110(B)(i)(b) n'uko huzuzwa icyemezo cy'umukozi wemeza agaciro kabwo, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 110(B)(ii).

## ***Gusaba ko hashyirwaho Umukozi wo kwemeza agaciro k'ubuhamya***

3. Umuburanyi ushaka ko inyandiko imwe cyangwa zirenze imwe z'ubuhamya bwanditse zakirwa nk'ibimenyetso hashingiwe ku Ngingo ya 110(B)(i)(b) ("Umuburanyi watanze icyifuzo") atanga, mu nyandiko, icyifuzo gisaba ko hashyirwaho Umukozi wo kwemeza agaciro k'ubwo buhamya ("Icyifuzo").
4. Icyo cyifuzo gishyikirizwa Umukozi ushinzwe ibiro bya Gerefiye mu ishami rya MICT rirebwa n'ubwo buhamya, hasigaye nibura iminsi 30 y'akazi mbere y'uko haba umuhango wo kwemeza agaciro k'ubuhamya. Igihe hari impamvu zihutirwa, Gerefiye ashobora kwemera icyifuzo gitanzwe hasigaye iminsi iri muni ya 30 y'akazi. Muri icyo cyifuzo hagomba kuvugwamo ibintu bikurikira:

- (i) Umubare w'abatangabuhamya;
- (ii) Umubare w'ubuhamya bwanditse bwa buri mutangabuhamya;
- (iii) Itariki/amatariki n'ahantu hazabera umuhango wo kwemeza ubwo buhamya; na
- (iv) Amazina ya buri mutangabuhamya, itariki n'ahantu yavukiye, aho abarizwa, indimi avuga, nomero y'icyangombwa afite (Pasiporo, indangamuntu cyangwa uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga).

### ***Icyemezo cya Gerefiye***

- 5. Gerefiye afata icyemezo kuri icyo cyifuzo mu minsi itanu y'akazi kandi abikora azirikana ikindi cyemezo cyose bijyanye cyafashwe n'Urukiko ndetse agakora ku buryo hakoreshwa neza umutungo w'ibintu n'abantu w'Ibiro bya Gerefiye.
- 6. Iyo yemeye ibisabwa muri icyo Cyifuzo, Gerefiye atanga icyemezo mu nyandiko gishyiraho umukozi wo kwemeza agaciro k'ubuhamya kandi uwo mukozi agomba kuba ari uwo mu Biro bya Gerefiye (“Icyemezo cya Gerefiye”).
- 7. Iyo Gerefiye atemeye ibisabwa muri icyo cyifuzo, impamvu zitumye atabyemera zimenyeshwa Umuburanyi watanze icyo cyifuzo.

### ***Kwemeza agaciro k'ubuhamya***

- 8. Muri uwo muhango wo kwemeza agaciro k'ubuhamya hagomba kuba hari umuntu uhagarariye umuburanyi watanze icyo cyifuzo.
- 9. Umukozi wemeza agaciro k'ubuhamya abwira umutangabuhamya, izina rye ndetse n'imirimu akora. Umutangabuhamya ahabwa, mu rurimi yumva, kopi cy'icyemezo cya Gerefiye, cyangwa, bitaba ibyo, bakakimusomera hifashishijwe umusemuzi.
- 10. Umukozi wemeza agaciro k'ubuhamya asuzuma icyangombwa cy'umutangabuhamya kugira ngo arebe ko ari we uvugwa mu buhamya bwanditse.

11. Umukozi wemeza agaciro k'ubuhamya amenyeshya umutangabuhamya ko ibyo avuga mu buhamya bwe bwanditse biramutse atari ukuri, ashobora gukurikiranwa mu rukiko kubera gutanga ubuhamya bw'ikinyoma. Anaha uwo mutangabuhamya kopi y'Ingingo ya 108 y'Amategeko kandi iyo kopi igomba kuba iri mu rurimi uwo mutangabuhamya yumva, cyangwa, bitaba ibyo, bakayimusomera hifashishijwe umusemuzi.
12. Umukozi wemeza agaciro k'ubuhamya abaza uwo mutangabuhamya niba umuburanyi watanze icyifuzo yaramuhaye umwanya wo kumenya, mu rurimi yumva, ibikubiye mu buhamya bwe bwanditse. Iyo umutangabuhamya asubije ko byakozwe, umukozi wemeza agaciro k'ubuhamya amubaza niba ibikubiye muri ubwo buhamya bwanditse ari ukuri gusa akurikije uko abizi n'ibyo yibuka. Iyo umutangabuhamya atemeye ibikubiye mu buhamya bwanditse cyangwa yifuza kugira icyo ahindura, umuburanyi watanze icyifuzo aganira n'uwo mutangabuhamya kuri icyo kibazo kandi bigakorwa batari kumwe n'umukozi wemeza agaciro k'ubuhamya. Umukozi wemeza agaciro k'ubuhamya nta kintu na kimwe ahindura ku buhamya bwanditse bw'uwo mutangabuhamya ndetse nta n'uruhare agira mu gutegura inyandiko ya nyuma y'ubwo buhamya bwanditse.
13. Iyo umutangabuhamya yemeje ko ubuhamya bwe ari ukuri gusa akurikije uko abizi n'ibyo yibuka, ashyira umukono ku cyemezo cy'umutangabuhamya cyometseho nk'Umugereka I, kandi bigakorwa hari umukozi wemeza agaciro k'ubuhamya ("Icyemezo cy'umutangabuhamya"). Icyemezo cy'umutangabuhamya gitangwa mu rurimi uwo mutangabuhamya yumva cyangwa, bitaba ibyo, bakakimusomera hifashishijwe umusemuzi.
14. Iyo umukozi wemeza agaciro k'ubuhamya n'umutangabuhamya bamaze gukurikiza ibisabwa mu Ngingo ya 110(B)(ii)(a)-(d), nk'uko bisobanurwa haruguru mu bika 10-13, uwo mukozi abyemeza mu nyandiko nyandiko yuzuza icyemezo cyometseho nk'Umugereka II ("Icyemezo cy'umukozi wemeza agaciro k'ubuhamya").
15. Muri icyo cyemezo, umukozi wemeza agaciro k'ubuhamya yandika amazina y'abantu bose bari muri uwo muhango wo kwemeza agaciro k'ubuhamya. Iyo hari abandi bantu biyongera ku mukozi wemeza agaciro k'ubuhamya, umutangabuhamya, uhagarariye

umuburanyi watanze icyifuzo n’umusemuzi, umukozi wemeza agaciro k’ubuhamya yandika muri icyo cyemezo impamvu abo bantu bandi bahari.

***Kwemeza inyandiko zitanzwe muri uwo muhango***

16. Umukozi wemeza agaciro k’ubuhamya atera kashe, agashyira nomero ndetse n’inyuguti zitangira amazina ye:
  - (i) Kuri buri paji y’ubuhamya bwanditse bw’umutangabuhamya;
  - (ii) Ku cyemezo cy’umutangabuhamya cyujujwe; no
  - (iii) Ku cyemezo cy’umukozi wemeza agaciro k’ubuhamya (“Kwemeza inyandiko zitanzwe muri uwo muhango”).
  
17. Umukozi wemeza agaciro k’ubuhamya yemeza gusa ubuhamya bwanditse umutangabuhamya yitangiye n’izindi nyandiko zakozwe n’uwo mutangabuhamya kandi zigize ubwo buhamya bwe. Cyakora, mu cyemezo cy’umukozi wemeza agaciro k’ubuhamya, uwo mukozi arondora inyandiko yose ivugwa mu buhamya bwanditse bw’umutangabuhamya ariko iyo nyandiko igomba kuba ari iyo umutangabuhamya yari afite mu muhango wo kwemeza agaciro k’ubuhamya bwe.
  
18. Mu gusoza umuhango wo kwemeza agaciro k’ubuhamya no kwemeza inyandiko zatanzwemo, umukozi wemeza agaciro k’ubwo buhamya aha umuburanyi watanze icyifuzo:
  - (i) icyemezo cy’umukozi wemeje agaciro ubuhamya cyemejwe;
  - (ii) icyemezo cy’umutangabuhamya cyemejwe; na
  - (iii) Ubuhamya bwanditse bw’umutangabuhamya bwemejwe ndetse n’inyandiko zemejwe zakozwe gusa n’uwo mutangabuhamya kandi zigize ubwo buhamya bwanditse.

**UMUGEREKA I**  
**(ICYEMEZO CY'UMUTANGABUHAMYA)**

**ICYEMEZO CY'UMUNTU UTANZE UBUHAMYA BWANDITSE HASHINGIWE**  
**KU NGINGO YA 110(B)**

Jyewe, (Amazina y'umutangabuhamya, itariki n'ahantu yavukiye, nomero ya pasiporo, iy'indangamuntu cyangwa iy'uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga), nemeje, imbere y'umukozi wemeje agaciro k'ubuhamya (Amazina y'uwo mukozi), ko ibikubiye mu buhamya bwanditse natanze ku (itariki/amatariki ubuhamya bwatangiweho) kandi bwometse kuri iki cyemezo, ari ukuri gusa nkurukije uko mbizi n'ibyo nibuka.

Mbyejeje ku bushake kandi nemeje ko ntashyizweho agahato ngo nshyire umukono kuri iki cyemezo.

Namenyeshejwe ko, ibikubiye mu buhamya bwanjye bwanditse biramutse atari ukuri, nshobora gukurikiranwa kubera gutanga ubuhamya bw'ikinyoma kandi nahawe kopi y'Ingingo ya 108 y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ya MICT/bansomeye, mu rurimi numva, Ingingo ya 108 y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ya MICT. Nzirikana kandi ko nshobora gukurikiranwa kubera gutanga ubuhamya bw'ikinyoma igihe ibyo mvuga mu buhamya bwanjye bwanditse byaba atari ukuri.

Bikozwe ku (itariki)

(Ahantu bikorewe)

Umukono w'Umutangabuhamya

Umukono w'Umukozi uyoboye

umuhango wo kwemeza

agaciro k'ubuhamya

**UMUGEREKA II**  
**(ICYEMEZO CY'UMUKOZI WEMEZA AGACIRO K'UBUHAMYA)**

**ICYEMEZO CY'UMUKOZI WEMEZA AGACIRO K'UBUHAMYA BWANDITSE**  
**HASHINGIWE KU NGINGO YA 110(B)**

Jyewe, (Amazina y'umukozi wemeza agaciro k'ubuhamya), Umukozi wemeza agaciro k'ubuhamya washyizweho na Gerefiye w'Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga (“MICT”) ku (itariki) hashingiwe ku Ngingo ya 110(B) y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso, nifashishije umusemuzi wa MICT (aho ari ngombwa), nemeje:

- Ko ku (itariki y'icyemezo cy'umutangabuhamya), turi (ahantu huzurijwe icyemezo cy'umutangabuhamya), twabonanye n'umuntu ukurikira (“Umutangabuhamya”):
  - Amazina y'umutangabuhamya,
  - Itariki n'ahantu yavukiye,
  - Nomero ya pasiporo, iy'indagamuntu cyangwa iy'uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga,
  - Aho atuye;
- Ko mu buhamya bwanditse bwometse kuri iki cyemezo bwo ku (itariki y'ubwo buhamya) n'inyongera yabwo aho ari ngombwa), nemeje ku (itariki uwo mukozi yemerejeho agaciro k'ubwo buhamya bwanditse), uyu (amazina y'umutangabuhamya) ari we nyir'ubwo buhamya;
- Ko umutangabuhamya yahawe inyandiko y'ubwo buhamya/umutangabuhamya yasomewe ubwo buhamya bwanditse hifashishijwe umusemuzi mu rurimi yumva;



- Ko umutangabuhamya yamenyeshejwe, mu rurimi yumva, ko ibikubiye muri ubwo buhamya biramutse atari ukuri ashobora gukurikiranwa, mu nkiko, kubera gutanga ubuhamya bw'ikinyoma;
- ko umutangabuhamya yahawe kopi y'Ingingo ya 108 y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso / umutangabuhamya yasomewe, mu rurimi yumva, Ingingo ya 108 y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso yifashishijwe umusemuze;
- ko umutangabuhamya yemereje imbere yanjye ko ibikubiye mu buhamya bwanditse ari ukuri gusa akurikije uko abizi n'ibyo yibuka; kandi ko
- Abyemeza hari abantu bakurikira:

(iyo hari umuntu cyangwa abandi bantu biyongera ku mukozi wemeza agaciro k'ubuhamya, uhagarariye umuburanyi watanze icyifuzo n'umusemuze, ni ngombwa kuvuga impamvu abo bantu bandi bari bahari).

Amakuru y'inyongera: (nk'urugero, kuvuga inyandiko yose ivugwaho mu buhamya bwanditse bw'umutangabuhamya kandi umutangabuhamya yari afite muri uwo muhango cyangwa andi makuru yose ajyanye n'ubwo buhamya)

Bikozwe ku (itariki)

(Ahantu bikorewe)

Umukono w'umukozi wemeje agaciro agaciro ubuhamya